BAHINYUZA Inosenti

# UTAZI UMUKINO WO GUKORA
# NTAMENYA INZIRA Y'UMUKIRO

Rwamagana kuwa 23 Mutarama 1985

Ku bana banjye nkunda

No kuli mwebwe mwese

Rubyiruko Rwanda rw'ejo.

# INTANGILIRO.

Iyi nkuru nayandikiye :

- Gushimagiza urukundo rwa Kibyeyi
- Kumvisha urubyiruko ko ntawe ukira atavunitse
- Guca intege ubuzerererezi.

## I- Umuntu wo Kw'ishyamba.

Izuba ry'akayagilizo ryali limaze kumutsa urume ku misozi. Naturukaga i Kamembe, nkulikiranye n'umuntu wazamukaga yihuta muli ayo mayira y'ibiharabuge n'imihora. Yali umugabo w'igikwerere, afite umusatsi w'igikaranka udashokoje. Yumvise umulindi wanjye inyuma ye arahindukira, mbona amaso ye ahungamo ibitotsi nk'ay'umuntu waraye inkera, ndamusuhuza nkomeza kumwitegereza. Yali yambaye ikoti ryirabura kandi lishaje, ryali libuze ikiremo kw'ikora gusa, yali akenyeye akenda k'igitare kazigishije inombe y'inkanda, yali ahagatiye agahago nako k'igitare aliko kali hafi guhindura ibara kubera umwanda. Yali yitwaje inkoni y'umukore cyangwa umutukura, nta mapfundo yali ifite, ntiyali kuba ali umumenamabuye; yakomezaga kuyikaraga mu biganza bye, byali byuzuye ho udukovu twinshi nkutw'umunyabukorikori. Yali yambaye inkweto z'isandali zikili nshyashya, nyamara ntibyali kubuza umuntu uzi kwitegereza neza kubona ko uwo mugabo yali yiyuhagiye urume. Umugabo arunama, ashima ahagana kw'ino ry'agahera ry'ibumoso, mperako nibwira ko izo nkweto yali yambaye atali azimenyereye kuko zali zamurumye. Atangiye kwiyama umubu wabyinaga wishimiye akayagilizo, bituma nitegereza izuru rye linini ryaliho agakomere gatangiye guhonga; atangiye gutumura agatabi, bituma menya ko uwo mugabo atali afite amenyo yose mu kanwa, nanga ko agira akantu kuko nali namwitegereje cyane, maze ntangira kumuvugisha akiyama urutoteza-nzira rwabyinaga imbere ye.

- Nakubonye kare nkili kure, mbese ko wihuta uragana hehe?

Umugabo abanza gukambya impamga nk'untekerejeho ikintu, ansubiza, yishakira gusa kumenyesha umwuga we :

- Ubungubu ndatashye, hali umuntu w'ino wali wantumyeho ngo nzaze kumuragulira.

Kuva nabaho sinali naligeze ndaguza; kandi sinameraga ko umuntu afite ububasha bwo guhishulira undi ibizamubaho. Numvise ayo magambo, akarabyo k'ubwoba kanyaruka mu mutima, aliko nanga kubigaragaza :

- Aliko iyo ujya ntabwo mpamenye neza, niba ntacyo bigutwaye ushobora kuhambwira.

Umugabo abanza gushidikanya kuko yali abonye ndakulikiranye ngo ngire icyo mubaza cyerekeye umwuga we, abona kumbwira iwabo :

- Iwacu ni kw'ishyamba, hafi y'umugezi wa Kilimbi.

Aho mu Kilimbi, najyaga numva bahavuga, ko abantu baho bazi kuragura cyane. Ngitekereza kugira icyo mbimubazaho, umugabo arantanga ; nawe ashaka kumenya.

- Wowe se uragana hehe ? Iwanyu ni ahagana he ?

- Jyewe iwacu ni hano hafi, ndava i Kamembe kugura imyenda.

...//...

Dukomeza kuzamuka buhoro buhoro, umupfumu anganilira ibintu byinshi, ndetse aranandagulira !

- Umva rero wa mugabo we, ntacyo ngusabye rwose, muli iyi minsi igiye kuza, ugiye kuzagira ubukwe. Umwali wahisemo azaguhira, urugo rwanyu rugire amahoro, umunsi yatengamaye mu rwawe, agutegeye urugoli rwera uzamwite Mugisha-shimwe, umwali wabenze azaburabura, umunsi mwahuye abunga imisozi, uzamuramutse, Mugirwanabake, uzamucumbikire [redacted] nibucya atahe, kuko buzira yageze ahandi !

Maze kumva iyo mvugo ikomeye, ubwoba bwinshi burantaha; nibaza icyali cyabwiye uwo mugabo ko ngiye kugira ubukwe kiranyobera, sinashobora kwisobanulira icyo ayo magambo yali ambwiye yavugaga, maze ndamusiganuza :

- Sinumva neza icyo ushaka kuvuga, iyo migani iragana kuki, ayo marenga ararengera he ?

Umupfumu aseka azunguza umutwe, akomeza kunyitegereza nk'ushaka kunkuramo ikintu, akomeza ambwira mu magambo asobanuye kurusha aya mbere :

- Ndakubwira ibi mfite impamvu, kera washatse gukira bwangu kandi utavunitse, birakurushya kandi ntiwabigeraho, umugisha waguharanyaga icyo gihe, niwo nise Mugirwanabake, aho wiyunguliye igitekerezo, ukamenya ko umukiro wose uzanwa no gukora, nibwo wahuye n'umwali utaryarya, niwe nise Mugisha-shimwe.

Arangije ayo magambo, inzira zali zibyaye amahali, n'uko ntangira kumusezeraho :

- Urakoze, ibyo wambwiye ndabyumvise, jyewe ndanyura ahangaha, ngaho urabeho muntu wo mu Kirambo.

Umugabo araseka, ampereza ikiganza angayira ko nibagirwa vuba :

- Uramenye ntuzibagirwe uyu mugabo muhuye kugasusuruko. Nitwa NZABILINDA, iwacu ni kw'ishyamba, umunsi wizinduye kunsura, uzarenge Kirambo, nugera ku mugezi wa Kilimbi, uzatangire uyoboze.

  Ngaho urabeho, usigare amahoro !

Ubwo ngira agahinda kenshi, nk'umuntu wese iyo igihe cy'amatage kigeze, numva amahali yali abyawe n'izo nzira ambereye nk'iherezo ry'inzozi zikomeye narotaga, ngerageza kwiyumanganya ngo uwo twali kumwe atamenya ko mbabaye :

- Ngaho urabeho muntu wo kw'ishyamba, nanjye nitwa BIGIRABANTU, hafi ya Nyagahembe, umunsi wagarutse muli izi nzira, uzahayoboze uze kunsura.

...//...

Tumaze gutandukana, nkomeza kuzilikana ayo magambo umupfumu yali yambwiye. Uwo munsi navaga kugura ibintu byo kwitegura ubukwe bwanjye, uwo munsi inshuti zanjye zali kuntaramira, nali nazisezeranyije ko nzazibwira imibereho yanjye, muli iyo minsi y'ubukwe bwanjye. Umugoroba umwe nali niyemeje kubwira abantu bose, uko umuzimu w'ubunebwe yanyaganiye mu nzira y'umukiro nkamutsindisha umukino wo gukora. Dore uko nabibwiye abanyumvaga; byose byali byaratangiliye kwa masenge NKESHA.

## II. KWA MASENGE NKESHA.

Umugezi wa Nyagahembe wasumaga uruhwekerezo. Kuli uwo munsi w'isoko, amayira yali yuzuyemo abagenzi : abanyesoko batahukaga, abatunzi[3] baturukaga kure bashoreye amatungo ananiwe cyane, abanyeshuli bajyaga mu biruhuko, abahinzi bahinguraga, amasuka bayatereye ku ntugu. Uko nagendaga, nshakashaka akayira muli urwo rwinshi, inzara n'umunaniro bimfatanyije, numva ijwi haruguru y'akayira limpamagara. Ndoye aho ryaturukaga, ndabukwa masenge NKESHA, anyitegerezanya amatsiko menshi, mbuze icyo mubwira ankura mw'isoni :

- Bite BIGIRABANTU uragana hehe ?

Umutima wanjye ubanza guteraguza, kubera ubwoba bw'igitekerezo kibi nali maranye iminsi, kubera cyane cyane imibanire yanjye n'ababyeyi itali imeze neza. Aliko igisubizo kirankundira kiza bwangu.

- Ndajya iwanyu nje kubasura.

NKESHA aramwenyura, kuko yali yarangije kuntahura, ansubiza angaragaliza ko atemeye neza ibyo nali maze kumubwira.

- Ngaho ba ugiye imuhira hali aho ngannye ndaje, uraba umbwira ibyawe neza.

Nkomeza urugendo ngana kwa masengeNKESHA; ngenda nibaza impamvu yanyise BIGIRABANTU, izina nali narahawe na sogokuru, kandi iryali ryarampamye ali iryo ali RWASA nali narahawe na data. Mu by'ukuli iryo zina rya RWASA sinaryangaga, data ntiyali yaralinyise anyanga, yali yarabigiliye urwibutso rw'uko navutse yasa ibutare mu birombe bya Gatumba. Aliko nalitinyiraga ko nitiranwaga n'umubandi wali yarabiyogoje, bali bamaze iminsi bavuze mu maradiyo no mu binyamakuru. Uwo RWASANZUGI yali yaramamaye ko asenya amazu akiba akica n'abantu, abo adategeye mu mayira akabasanga iwabo. Narebaga ukuntu imibereho yanjye y'icyo gihe yali itangiye guhindana, nkumva mfite ubwoba ko izina ryazaba umuntu, nanjye ngahinduka ruvumwa nk'icyo gisambo cy'ingufu.

3. abatunzi ( tinda kuli u ) : abarinzi b'amatungo

...//...

Izuba liremereye rya Kamena ryacagaga ibintu. Iwacu ku Mayaga, imvura yali yaramagiye iramuruka. Hirya no hino ku misozi, imirara y'amasaka yali iryamiranye, imirambi yali irambiwe imvumba z'amashaza, amashyo yatambagiraga ibisigati. Ku misozi ya Shagasha na Bushenge, ibyiyoni byagurukaga bikutse imilima y'ubunyobwa. Mu mubande wa Nyagahembe, aho urukangaga nk'ikidendezi kilimo amahusi[4] rwazunguzaga ubusage rwiyama igitsure cy'ijisho (ijiko ukumuli) [redacted], abavomyi biteraga amazi ngo babone imbaraga zituma baterera aka rya Nyirakijya n'aka Biguzi. Isoryo n'ibisogosogo, inyombya n'izindi nyoni, zali zateye urulirimbo zitinya icyokere, ibikombe bitemba ibicucu byali byateye ishyali urutoki rwali rwiyoroshe ibishangara ntirubure kurabirana. Inzira zarokeraga, umukungugu watwikaga ibirenge, ibisambu byali byarumye, ibihuru byali byarasaraye. Ibiti by'imivumu y'inganza-marumbo byali munsi y'urugo rwa masenge NKESHA byali byarakokotse, nkihagera nasanze urugi rukinze ndi-cara ndamutegereza. Yali yakingishije urugi rw'ibibingo rushaje, rufashwe n'umugozi w'umubohano wali uzilitse ku mutahano [redacted] wo haruguru. Mu ruhamo rw'umuryango, hali hamanitse ihundo ry'ishaka ry'ikigugu ryali ryarahindutse umurayi. Ku kibero cy'inzu cyo hepfo, hali hateye uruyuzi rw'ibicuma rwali rwararanze rurenga koma rugera ku gasongero, aho urugara rw'ikibindi gishaje rwali rubereye umugenzo. Ku kibero cyo haruguru, hali hateretse isekuru, umuhini wayo wegetse iruhande, hafi yaho hali urutondero rw' (icyibo) [redacted], ndetse n'intamyi n'imamfu zidatamuye. Hejuru y'umuryango, hali hateretse urutaro rwanitseho amasaka y'amamera. urebeye mu cyanzu, wabonaga mu gikali urundi rutaro rwanitse ho amasaka y'amakoma bakaraye. Urugo rwa masenge NKESHA rwali urw'imivumu yaminnye[5] iteyeho imbaliro z'ibibingo zitagaranye. Mu nkike yo hepfo, hali ikigega gishakaje ibirere bishyashya, urebeye mu misoto ya cyo, wabonaga munsi inkoko zali zihundagaye zugamye izuba. Hejuru y'inkike yo haruguru hanaganaga ibitoki by'injagi byali hafi gutembana injagwe[6] kubera uburemere. Nkitegereza ibyo byose, mw'irembo lifite ibikingi bikomeye, imyugaliro irambitse ku gikingi cyo haruguru, haturuka umugore w'uruhanga rurerure, aho iminsi yali itarashushanya imirongo y'ubukuru, akenyeye umwenda w'ibitobo, yiteye undi utukura ulimo udutolitonzi[7] tw'igitare. Uwo mubyeyi wansangagaga ansekera, yali masenge NKESHA. Tumaze kuramukanya, atangira kunganiliza.

- Aho ntiwagize irungu ko aho nali ngiye natinze ?

Natinyaga cyane masenge NKESHA, yarebana indoro igayana, musubiza mvugana amasonisoni, ngira ngo mpishe umutwaro nali mfite ku mutima.

- Usanze aliho nkigera aha, nali ntarambirwa (na) gutegereza.

4. amahusi ([illegible]): umuyaga mukeya.
5. kumina: gushibuka, [illegible] ipiti.
6. injagwe: inkingi
7. udotolitonzi: utubaraka twinshi

...//...

NKESHA amaze gukingura, nicara mu kirambi giteguyemo imisambi y'ubusunyu[8] iboshye gihanga, arashyashyana arangabulira : sinzibagirwa uburyohe bw'izo nkoli nalishaga ibijumba by'imihonge. Maze gushira inzara, NKESHA atangira kuboha icyibo no kunganiliza ambaza amakuru y'iwacu.

- Muli iyi minsi ishize nagize imilimo myinshi yo gutema amasaka sinabona akanya ko kubasura, numvise ko murumuna wawe yali arwaye, mbwira ukuntu yaba amerewe.

Mu by'ukuli iwacu sinahaherukaga, nali maze ukwezi kuzuye ntahagera. NKESHA ntacyo yali abiziho, yali anzi nk'umwana witonda kandi nkumvira ababyeyi. Sinali nza kuba nk'ihene mbi utazilikaho iyawe, nyamara nali maze guhumana. Ibanga nali mbitse mu mutima, sinashoboraga kulihishulira NKESHA kuko natinyaga umugayo we; nkomeza kulibika, ngerageza kumubeshya.

- Umwana ntiyali arwaye bikomeye, uzi ko nyogokuru adahanga[9] umusonga, yamusoromeye umusororo umunsi umwe gusa.

NKESHA aramwenyura, atyaza umusyi w'uruhindu yaboheshaga icyibo kw'ibuye ry'isarabyayi ryali iruhande rwe.

- Ni byo koko mwana wanjye, mama uwo nguwo azi ibintu, uzajye umwegera akwigishe, ubwenge burarahurwa kandi bukaragwa. Ndetse nutaha uzanyibutse nguhe MUKUNZI mujyane, ajye kunzanira umuti w'ifumbi.

MUKUNZI uwo nguwo yali mubyara wanjye, yali imfura ya NKESHA. Iyo nazaga aho kwa masenge, sinashoboraga kugira irungu MUKUNZI ahali : twaraganiraga tugakina, twajyanaga gusenya no kuvoma, twakandanaga inkoni iyo twasemburaga abashumba, twajyaga mu bishanga gushaka ibirera-bana, twamaranaga igihe kinini duserebeka mw'ishinge, dushaka amakungeri,[10] dukora inanga zo mu bikenyeri, twubaka inzu z'icyondo, tubanga inziga z'inturusu, twulira ibiti binini.

MUKUNZI yakundaga kunyisunga, nanjye kandi byali uko; iyo twabaga tuli kumwe, twumvaga ntacyadukoraho. Muli uwo mwanya atali imuhira, nali mfite irungu lyinshi, sinali nza no kuba umwana utinyuka abantu bakuru ngo nkomeza kwibanililiza masenge NKESHA. Akomeza kwibohera icyibo, nkajya mutunganyiliza intamyi, ntibyamubuza kwibonera ko nali mfite icyo mbuze, MUKUNZI adahali ngo tujye kubaka inkiramende no gusoroma ibifuraninda.
NKESHA atinze kumbwira aho yali yatumye mubyara wanjye uwo, ndamutanga ndabimubaza.

- Ese MUKUNZI yagannye hehe ngo turamukanye ko mufitiye urukumbizi rwinshi ?

NKESHA abanza kugorora uruhindu, yongera intamyi mu mazi yali ku ruho runini, ansubiza yitonganya.

8 - Ubusunyu cyangwa ubusuna.
9 - adahanga umusonga : ari kuvura umusonga.
10 - amakungeri : utuwoko bw'udushimba abana bakinisha.

...//...

- Ndeka undorere mwana wanjye, mubyara wawe uwo árashaka kunanira. Nsigaye mutuma ahantu yagerayo ntiyibuke gutaha, ubwo atangiye kwigomeka ndaza kumwohereza mw'ishuli, nizeye ko azahakura uburere bwiza nkawe; ndetse ndifuza ko igihe uzaba uli aha uzajya umwigisha gusoma no kwandika aho kujya gucira amarenga nyilimibande iyo mu bikombe, nk'uko amaze kubigira akamenyero.

NKESHA avuze iby'ishuli, nahise mpindura isura: jyewe ibyo kwiga nali nabisezereye uwo munsi. Ibanga nali nahishe NKESHA kuva nkigera aho, n'uko uwo munsi mwalimu yali yanyirukanye kubera ko nali maze ukwezi kose ntajya mw'ishuli. Uwo munsi kandi, niho ibiruhuko birebire byali byatangiye; nali nagiye kw'ishuli mu gitondo, abandi babwirwa amanota, bamwe balimuka abandi barasibizwa, mwalimu ageze kw'izina ryanjye, ngo RWASA wananiranye we ntiyigeze akora n'ikizamini, ntiyimuka kandi ntasibira, arasezerewe burundu !
Uko mwalimu yavugaga ibyo, ninako yankururaga amatwi, bamwe mu bandi bana 'bankoba', abandi bandorana agasuzuguro; ab'intege nke bagatinya kunseka ngo tutaza kugera mu mayira maze nkabatimbagura, kuko bali banziho imbaraga nyinshi.
Nali mfite bazina bahimbaga RWASAMABUYE we yali yabonye amanota meza, akomeza kunyicira ijisho ambwira ko nidutaha, tuli butere amabuye abo bose bampemaga . Uwo munsi aliko, nali nabwiye RWASA umugambi wanjye wo guhungira kwa masenge NKESHA, kandi natinyaga kuhagera mfite uruguma. Uwo munsi lero, ntabwo twali twanduranyije nkuko byali bisanzwe, mu tuyira twose, abanyeshuli bali batashye bakina mu byishimo. Nanjye nali nasezeye kuli RWASAMABUYE, nkomeza kwibaza icyo ndibubwire ababyeyi kikanyobera, sinumvaga rwose uko nali butahe iwacu ngahinguka mu maso ya data mubwira ko natsinzwe. NKESHA avuze iby'ishuli, yali abaye nk'ugeretse ibuye liremereye ku muzigo w'umuvugo wakomezaga kunshengura we atabizi; ubwo ndushaho kwiheba, ambajije igihe ibiruhuko bizatangilira niyemeza kumubwiza ukuli.

- Ibiruhuko byatangiye uyu munsi, aliko jyewe bansezereye ntabwo nzasubira kwiga.

Amaze kumva iyo nkuru, NKESHA ahinduka ukundi, yifata ku munwa arumirwa, arambika uruhindu n'icyibo hasi, arahaguruka ambaza uko byagenze atangaye kandi ababaye.

- Byatewe n'iki mwana wanjye; aho ntiwaba wararangaye ukibagirwa gukora icyakujyanye ?

11- gukoba (tindi kuli o) : guhema, guseka umuntu umumwaza.

...//...

Amaze kumbwira ayo magambo, NKESHA anyitegereza umwanya ndeba hasi yongera kwicara, afata uruhindu akomeza kuboha, mbura ijambo namusubiza, nkomeza gutekereza, nkareba mu rwijiji icyaha cyinyugaje, alijye wacumuye, alijye utinya kwemera icyaha, alijye utinya kwicuza hakili kare. Igitsure cya NKESHA cyali gityaye kurusha umusyi w'uruhindu yaboheshaga icyibo. Duhuje amaso, ubwoba bumbyaza ijambo.

- Ntabwo narangaye mubyeyi, ahubwo ni uko abalimu banyangaga.

Nyamara kandi, masenge NKESHA yali yavuze ukuli : sinali indangare gusa, ahubwo nali n'ikirara. Sinali nkili umwana utazi ururo n'icyatsi aliko kandi, sinali n'umugabo ukwiye gukabya icyago adafite ubwoba; nali ntarabona, nali uzabona, ibyo ubuto bwanyoshyaga byali kuzabyalira ingaruka mbi. Imibereho yanjye yali igiye kwiraba icyasha kitazasibangana Niga mu mwaka wa gatandatu w'amashuli abanza, niho naganywe n'umuzimu ntali nteze kubonera intsinzi, anterereza uburozi naliye nkuma mpagaze.

Uwo muzimu wali utumye ngira ishuli umuziro, ni ubunebwe. Nali ntangiye guca akenge, nali maze kuba umwana ababyeyi bashima, ali nka kera bagihakwa, nanjye nali ngeze mu gihe cyo gushaka uwo nita databuja. Nyamara igihe kitali nk'icya kera cyali kinaniye, ali icyo kwiga nkamenya ubwenge, umunyafu ncyuye ukazaba impamyabushobozi. Sinali naragize amahirwe mabi yo kujya gusimbura data ku ngoyi y'ubuhake, nali nkwiliye kumukura ku ngoyi y'ubujiji. Inzira nali nyuze yali nziza, sinzi uko narangaye ndayoba, sinagiraga umuze mu mubili, sinzi aho nakuye ubusame[12] sinagiraga umururumba, sinzi icyo naliye nkabya gusonza, iliba ry'iwacu ryali ryiza, naralivomyemo umuco ukwiye, sinzi amazi nanyoye, ndushaho kugira inyota. Najyaga nsinzira neza, sinzi ijoro naraye ndota inzozi zikomeye, numva umuntu ambwira ko ntazakizwa n'amashuli, ko nkwiye kuba umucuruzi, nkagira amafaranga menshi, nkandika izina ryanjye ku nkuzungu[13] eshanu, nkubaka mu mugi munini inzu umunani zigerekeranye !
Icyo gitekerezo nticyali cyatinze kumpindanya, aliko nabanje gutinya inkoni ya data ndamutse mpakanye kwiga. Nyamara aliko ntibyatinze, umutima mutindi uranshyeshyenga,[14] uranshyengera biratinda, umpa inama nyumva bwangu, nemera ko kugirango nzakire ivuna igufwa ntivune ingeso, aliko nzareka kuba umwana ushimwa n'ababyeyi nkajya kuzerera nkitwa ingegera. Uwo munsi nali naje kwa masenge NKESHA ntorotse aho nabaga, abantu baho bamaze kundambirwa kuko nali nayogoje ibintu, ngabuza umubyeyi ntatahilije inkwi, ntera abagenzi amabuye, nkubita abana ba rubanda, nsinzilira mu bigunda.

12- Ubusame : netsa 23, umupfapfa wa 23.
13- inkuzungu : ibimodoka binini bita bya nukuwana.
14- gushyeshyenga : koshya, uhenda ahenda.

...//...

Nali maze kubeshya, NKESHA atangira kubikeka.

- Unyumve neza mwana wanjye, ntabwo naba ngukunda nkwemereye kuba aba iwanyu batabizi, ejo uzatahe ujye imuhira, ubabwire ko wirukanywe, nibishoboka bazajya kugusabira imbabazi ukomeze wige.

NKESHA amaze kumbwira ayo magambo ncika intege, nibaza uko nzahinguka mu maso ya data biranyobera. Masenge yali yarangije kumenya impamvu intera guhunga ababyeyi : amanota mabi nali nagize yali afite impamvu ntali natinyutse kumubwira. Ubute bwo kwiga n'umukiro wo mu nzozi byali bigiye kunyuza mu nzira yali kuzangeza kure. NKESHA akomeje kundemereza ho igitsure, ntangira gutakamba, ngirango ndebe ko yangilira imbabazi nkihamira aho.

- Mubyeyi mbabalira, ndumva ndashaka kujya iwacu, data uramuzi agira amahane, sinabona uko musobanulira uko naretse ishuli, ni ukuli abyumvise yantemagura; reka nkomeze nibere hano hamwe nawe, nzagira ihirwe ninguhama iruhande, nzajya nkumvira uko bikwiye.

NKESHA amara umwanya muto atansubiza, uburakali buganzwa n'imbabazi za kibyeyi, ageragеza kunyumvisha ukuli.

- Mwana wanjye urabizi ndagukunda, ntagitandukanya wowe na MUKUNZI kuli jye, so ntabwo agira amahane, so arahana akanababalira nk'abandi babyeyi, so yanga amafuti.

NKESHA abanza guceceka akanya gato, akomeza amagambo ye yilinda kunkomeretsa.

- Nanjye byanshimisha ko uba hano mwana wanjye, aliko sinakwemera ko hakubera ubuhungiro, umutima wa kibyeyi urantegeka kukuyobora inzira ikwiye. Ndagira ngo mpunge umugayo mwinshi, so yazandeba nabi nemeye ko uhama hano umwihishe. Sinshaka kukwica umutima, ubuze amashuli, ntiwabura ikindi umalira ababyeyi bawe, wabafasha imilimo yo mu rugo, waragira inka za so, cyangwa ugafata isuka ugahinga bikakugilira akamaro. Sinakwemerera kuba inzererezi, ngo ubure icyo wimalira ubwawe, ugayishe umuryango n'igihugu. Reka kwifata nk'imfubyi ufite ababyeyi, genda ubasabe inama bazayiguha.

Mubyo nali naliyemeje guhunga, guhinga no kuragira byali bilimo, sinali naligeze mbyishimira na limwe. Nyamara guhinga no kworora, niwo wali umwuga wa data, niwo yali yarakuyemo ibyali byarandeze bikankuza.

...//...

Urwango rwanjye rwo guhinga narubonerag urwitwazo:iyo hagiraga ubimpatira namubwiraga ko amasambu ali mato kandi atakera. Kworora nabyo byali uko, sinali kwemera kujya nilirwa niruka inyuma y'inka imwe data yali asigaranye,. Nyamara ibyo, sinashoboraga kubikangisha masenge NKESHA, mpfa kubimubwira ngira ngo nikure mu kimwaro.

- Ndumva ntazashobora guhinga, nimara gukura nzajya guhaha amafaranga, nzajya gusaba akazi mu mugi, ubwo nzi gusoma no kwandika nzakabona.

NKESHA arambika inkono ye y'itabi hasi, azunguza umutwe ababaye.

- Amashuli ufite ntahagije mwana wanjye, akazi ko mu mugi ntikabonwa na buli wese, ndetse numva ko hali n'abize bakabuze.

Nsuganya akaguru kanjye kali kamaze kuzamo ibinya, igisubizo cyanjye nticyatinda.

- Nzasiba kubona nk'akabaminuje mu mashuli, ako nzabona kose nzishimira ako.

Mu by'ukuli, muli iyo myaka yose nali ndangije niga, ntamwuga nali nzi. Icyo nishingikilizaga n'ugusoma no kwandika no kubara utubare tworoshye. Igifaransa nali nalize cyose nali narakibagiwe kuva natangira kwigomeka. Ibintu byali bitaramera neza nk'ubu, ivugurura ry'amashuli ryali inzozi, uwatahaga nkanjye atarangije amashuli, nta n'umwuga n'umwe yabaga azi gukora. NKESHA amara undi mwanya acecetse, azunguza umutwe yumiwe, ansubiza agira ngo arandure imizi y'igitekerezo kibi cyali cyali kimaze kumeramo.

- Mwana wanjye ibyo wibwira sibyo, walize aliko ntacyo uzi kuko ucikije amashuli yawe. Ndagusaba kunyumvira, dore ndi nyogosenge, ndagusaba kumvira nyoko wakubyaye, akaguha ibere, ndakwingingira gushima inama ya so wakuruhiye ubutaruhuka, ndagusaba gutaha ugasanga ababyeyi, ukabubaha bakishima bakagushima.

NKESHA amaze kunyemeza ko ndakijijwe n'amashuli nakizwa no guhinga, ageragez kwivuguruza nanga ko akomeza kundakalira.

- Ni koko mubyeyi umbwiye ukuli, aliko umbabalire nzatahe ikindi gihe, ubu data aracyandakaliye.

NKESHA yemera atemeye, kuko mu by'ukuli, amagambo nali namubwiye yali yamukuye umutima; yikomereza umulimo we wo kuboha icyibo, nanjye sinarambirwa kumwitegereza : masenge yabohanaga ubuhanga, yarasahilizaga[15] agakomeza, yarakungikaga agataka, yaratonderaga agasoza.
Uko nitegereza NKESHA, nawe yarantekerezaga :

15. gusahiliza : guko[illegible] umwete.

...//...

NKESHA yali umubyeyi, nali mukaga gatera ababyeyi intimba. NKESHA yantekerezaga nanjye ntaretse kwitekereza : nasangaga koko nta shingiro nali mfite kugira ngo ngere ku mukiro inzozi zanshukaga : amashuli yali amaze kunanira, data yali umukene, nali ngiye guhitamo umwuga udakiza. Nali maze kwiyumvisha ko guhunga ababyeyi bankunda, kujya inyuma y'impinga ntabuze iwacu, ali ukugaya uburere bwiza, ababyeyi banjye batali barahwemye kuntoza. Nyamara amaraso y'ubutoya yali akintemba mu ngingo, nibwiraga ko nzakora ibitangaza, nabonaga nzahagarara ku Nkanka, ngatera intambwe ku Nkombe. Nali nkili umwana, nalibeshyaga bikabije. Umubyeyi nali natuye umubabaro, yarankundaga cyane , muli icyo gihe cyose, ntiyaburaga kubingaragaliza.

- Bizanshimisha mwana wanjye, niwumva ukuli nkubwiye, witetereza ababyeyi, wikwitaba injeli zirilimbira mu bigunda by'umusozi, utaragerahо.

Maze kubura amashuli mbitewe no kwihutira gukira bwangu, niyumvishaga ko ngomba kuzaba umugabo bikanshimisha, nibuka ko nkoreye ababyeyi umugayo nkababara. Nyamara data yali umubyeyi ugira imbabazi, kandi nali nkwiye kubabalirwa imigambi mbi nihaga kubera ubuto bwanyoshyaga. Ni ukuli koko nali nkwiye kubabalirwa, nali ntarashira ubwana, nali ntaramenya ubwenge. Uko nali mw'ibyo bitekerezo, masenge yabohaga icyibo anyitegereza, aho bigeze tuza guhuza amaso, sinamenya aho amalira yanturutse, NKESHA abibonye agerageza kunkomeza.

- Ntiwihebe mwana wanjye, ibyo wifuza byose hali ubwo Imana izagufasha ukabigeraho, aliko ujye wibuka ko Imana ifasha uwifashije, ureke gutekereza rwana, wihe imigambi nyayo, wubahe ababyeyi, ubafashe ubitegereza, uzabakureho urugero rwiza, wisunge urugano mufatanye muzagera kuli byinshi.

NKESHA amaze kumbwira atyo amalira ndayamira, ngerageza kuzimanganya agahinda kanjye, nkomeza kwibaza imigambi nyayo ngomba kwiha, inyuranye n'iyo nali mfite yo kujya gushaka amafaranga ku ngufu. Nkomeza ndashaka kwerulira masenge icyo ntekereza kubyo yali amaze kumbwira.

- Mubyeyi ntugire ubwoba ntabwo nihebye, ahubwo nanjye uzanyigishe kuboha ibyibo, , ndumva binshimishije cyane.

Masenge abyumvise aramwenyura, akomeza agaya ubwana n'ubwenge bwanjye buke.

- Mwana wanjye uracyali muto, ibitekerezo byawe biragukwiye, kirazira rwose, nta mugabo uboha ibyibo.

Nubwo yali avuze ijambo umugabo, nti byali kunyibagiza y'uko NKESHA yali yangayiye mu mutima, ikibazo yali atewe na njye cyali kimumukomereye, kuva aho yali yamenyeye ibyanjye, yali yagerageje kugishakira umuti, ubwo nkomeza ngira ngo nkimwibagize.

- Ni koko ibyo navuze ntibikwiye, umwuga nk'uwawe ugomba kwihangana kwinshi, nkanjye sinzi ko nawushobora.

NKESHA aramwenyura, akayaga k'ibyishimo kanyeganyeza uruhanga rwe rubengerana, ansubizanya ijwi lisaraye amaze kwikoroza bucyeya.

- Mwana wanjye wikomeza kunsetsa, uretse ko utanawushobora, umwuga wo kuboha ibyibo ntugenewe abagabo.

Icyo gisubizo kirantangaza, ntangira kwibaza niba abagabo bo badashobora kwihangana biranyobera, NKESHA abibonye, ikibazo natekerezaga kumubaza aracyibwira, yongera kwikoroza, ambwira adashaka ko nkomeza kumurondogorera.

- Biragutangaje mwana wanjye, aliko lero niko bimeze, mu muco wacu, abahungu bagira imilimo ibagenewe n'abakobwa bakagira iyabo.

Ubwo nkomeza kuganira na masenge NKESHA, hashize umwanya munini akavura kavanze n'izuba gatangira kugwa, mfasha NKESHA kwanura ibintu, uwo mulimo urangiye NKESHA yikomereza kuboha, nanjye sinarambirwa kumwitegereza. Imvura iralimbanya;[16] NKESHA ntiyareka kuntekereza, nkanga ko duhuza amaso kugira ngo ndebe ko nyibagirwa aliko bikanga bikaba iby'ubusa. Amara igihe kinini atamvugisha, nanjye nkanga kumubaza impamvu kandi nyizi. NKESHA yali ababajwe no kuntekereza; imbabazi za kibyeyi zashakaga kuganza umulimo we wo kurera agahana agorora. Imbabazi za kibyeyi zamutegekaga kungilira neza, kandi kungilira neza kwali ukundeka ngahama iwe, nkahagira ubuhungiro; mu by'ukuli we yumvaga iyo itaba ali ineza angiliye, kuko yali kuzambyalira ingaruka mbi ku mibereho yali integereje. Ntayindi nama masenge yagombaga kungira, uretse iyo kujya imuhira ngasanga ababyeyi, nyamara nali mfite isoni zo kubatura umutwaro w'uruvugo uremereye nali nikoreye kubera ibyaha byanjye. Si isoni gusa, nali mfite n'ubwoba bw'ibitutsi bya data, natinyaga imilimo y'iwacu mu rugo, nahungaga isuka y'itaranga.[17] NKESHA yarankundaga, ntiyumvaga ashaka ko hagira ikimbabaza kimuturukaho; yumvaga ko nje muhungiraho, impuhwe ze zitagerereranywa zikamutegeka kumpumuliza aho kunkura umutima.

16- imvura iralimbanya : imvura ikomeza kugwa.
17- itaranga : ihinga ryo mu cyi.

...//...

Nali nk'umugenzi mu mayirabili , maze guhitamo izangeza kure. NKESHA yagombaga kunyobora, akanyereka inzira isanga ababyeyi, akambuza inzira y'umukiro wa vuba, akanyereka inzira yo gukora ngatungwa n'ibyo naruhiye, akambuza inzira yo gukira bwangu kandi ntavunitse. NKESHA yali afite ikibazo : kunyohereza iwacu, kwali ukwiteranya nanjye, kundeka nkamuhama iruhande, kwali ukwirengagiza umulimo we wa kibyeyi. NKESHA nali muremere ye, yarangayaga agatahira imvune y'umugayo, mbonye ko yakomeje guceceka, mbanza kwikoroza bucyeya, nongera kumwakura.

- Ese MUSHYITSI uyu munsi yagannye hehe ?

NKESHA abanza kwisuganya, ibinya byali bimaze kumufata kuko yali yicaye igihe kirekire.

- MUSHYITSI yajyanye na se mu Gisakura, ubungubu asigaye akora mu cyayi.

Aho mu Gisakura, abantu benshi bali barahuruliyeyo kuko habaga amafaranga Nyamara sinali naligeze mpagilira inyota kubera ko natinyaga guhinga, ngerageza gukora uko nshoboye kugira ngo masenge adakomeza kugira icyo abimbwiraho.

- MUKUNZI koko ndabona akabije gutinda, aho nagereye aha ubu aba yaje.

Imvura yali itangiye kugenza amaguru make, NKESHA yongera kwisuganya.

- MUKUNZI asigaye agira urugomo, rwose sinzi uko nzamugira, guhora mvuza induru bimaze kunanira.

Ubwitonzi nali nagize uwo munsi bwali butangaje, muli icyo gihe cy'umugoroba, aho nali maze iminsi, nabaga nagiye gutsuka ku mitumba, gutembereza amagurudumu, guserebeka mu mihora no mu mihanda, gutambagira ibishanga, no gusenyera inyoni ibyali, kwikinira akarere, gukubita abana ba rubanda cyangwa gushyogozanya n'abagenzi.

Bwali bumaze kugoroba, jye na masenge dukomeza kuganira. Sinahisha ko ibyo navugaga muli icyo gihe nabyorosaga agahinda kanini, kuko amagambo uwo mubyeyi yali yambwiye nkihagera yakomezaga kumena umutwe. Naliyumviraga nkiyumvisha, ngasanga ibyo nibalira ali iby'umuntu udafite ubwenge buzima. Ibyo umutima mutindi wantegekaga, ali nabyo nali nemeye gukulikiza, byali byuje inenge nyinshi. Umutima wanyoshyaga ntiwashoboraga kwimukira umutima muhanano masenge yageragezaga kunteramo.

...//...

Nibukaga uko data yali yaramenyereje ishuli antotá ngo nzakunde mbe umugabo, nibukaga amagambo rubanda bavugishwaga n'ibisigisigi bya gihake ngo ningende bazajya banyikorerera inkangara, nibukaga uko namenyereye ntinze iyo nzira igoye y'ishuli, nababazwaga n'uko nali nararuhije data nkaba nali ngiye gupfa ubusa. Nababazwaga n'uko nali ngiye kumutetereza, iminsi imbeshya umukiro. Hashira umwanya ndira adatemba, umutima utonekara ubudahwema, ndembye ndambiwe kudahwera, NKESHA aba yabibonye agerageza kunyakira umuzigo w'intimba wamvunaga.

- Bite ko wacecetse mwana wanjye, wambabaliye ukambwira icyo wiyemeje, ko wifata mapfubyi bikambabaza.

Ngiye kumusubiza, ikiniga kiramfata, NKESHA agerageza kumara ubwoba ngo mwerulire icyo ntekereza.

- Sindi umubyeyi gito mwana wanjye, nta nama wamburaho uyinsabye, umva icyo ubwitonzi nyarwanda butwigisha, ntawe uhisha uwo ahishaho mwana wanjye.

Kuva aho imvura yali yahitiye, bwali ubwa mbere mpuza amaso na masenge NKESHA, aliko ntibwali ubwa mbere mbona uruhanga rwe rubengeranishwa n'impuhwe za kibyeyi. Nihanagura amalira, mbwira masenge ijambo nali nakomeje kumuhisha.

- Mubyeyi NKESHA ndagukunda, nshima imbabazi zawe, nkunda imico myiza ikuranga, nkunda ko uvugisha ukuli, none ndagira ngo umbwire niba ntaguteye akaga kanini.

NKESHA aseka ababaye, ikibazo muhaye kibanza kumutangaza, amaze umwanya yiyumvira aransubiza.

- Ndi umubyeyi mwana wanjye, sinabura kujya mukaga mbonye ukalimo, sinabasha kuvunira agati mu ryinyo ngo nibwire ko ibyawe bitandeba, naba mbaye umubyeyi gito, nazabyalira umukunga[18], uli umwana wanjye, ungana MUKUNZI, ngomba kugukunda nkakugaragaliza impuhwe za kibyeyi, unteye akaga kuko ukalimo mwana wanjye.

Koko masenge NKESHA yali akomerewe, ayo magambo yose yayavuganaga umutima ukomeretse, abanza kumiraza uducandwe, akomeza kumpana no kumpanura.

- Ndifuza lero ko wumva ukuli, inama nakugiliye ukayikulikiza ukareka kwigira nabi, ukareka kugayisha ababyeyi, ukareka kwikurulira umuruho.

18- Umukunga : ugukulikiranwa n'amaraso y'umu mufitanye isano iyo wamugiliye nabi.

...//...

Nyumvira mwana wanjye, ihirwe si ugutunga ibya Mirenge, n'ukwishimira duke tw'amahoro tuvuye mu mbaraga zawe, ukihatira gutunganira abo mubana, mu byo uvuga no mu byo ukora, ukagira imibereho igororokeye bose witwa umuntu w'ingirakamaro, ukagira agaciro mu bandi.

Kwa masenge NKESHA hali hamaze kunyibagiza amagorwa nali naragiliye mu yindi mihana nali maze iminsi mbamo. Ibyiza yankoreraga, inama nziza yangiraga, nta n'umwe nali naligeze mbibonana mu babyeyi bose nali naruguruje. Urugo nali narabanjemo rwali urw'umugabo w'umunyamahane watonganaga uko atashye kandi atonganira ibidashyitse, nahamaze icyumweru kubera umwana we twiganaga. RWASA uwo twarakundanaga, twali twaratangiranye amashuli, iminsi ya mbere ikidutonda, nali naramutoranije mu bandi, tukijyanira kwigunga. Numvaga mfite ihirwe tuli kumwe, yumvaga ali ntacyamukora andeba, aho tumaliye kumenyera, niwe twasangiraga agahamba, niwe twakarabanye Nyagahembe, mu mikino yose y'ishuli, twajyaga mu ruhande rumwe, twajyanaga gukaraga amapingu, twafatanyaga kwiyenza ku bandi bana, abakobwa tubabuza gusamaguza cyangwa kwikinira ikibaliko, abahungu tubabuza kwikinira akajogo cyangwa gutumburura akarere.
Rwasa twicaranaga ku ntebe imwe, niwe twakoperanaga, niwe twasangiraga ibihano iyo twakubitirwaga kurangara. Rwasa twanyuraga inzira imwe, niwe twibanaga amacunga, niwe twateganaga inkware iyo twatahaga bugorobye ntitujye kwandurany'abashumba. Se wa RWASA yali umusinzi, yilirwaga avumba agataha ijoro, inzu ye yavaga impande zose, urugo rwe ntirwali rukirangwaho urubaliro, ntiyigeraga yibwiliza kugira icyo akora,iyo yiboneraga akayoga ihirwe rye ryabaga litashye. Mu minsi yose nahamaze, ntiyigeze amenya ko mpaba, niba yaranabimenye ntabwo yali anyitayeho. RWASA yajyaga ambwira ko yikundira uwo se kuko nta cyo yamutegekaga, ati no kwiga ni ubushake bwanjye, nagiye gusa nkulikiye abandi ndetse data abanza kumbuza, iyo adatinya amategeko aba yaralinkuyemo. Nyina wa RWASA niwe wavunikiraga urugo, agahinga, akabagara, agatabira, yataha agateka akatugabulira, bwacya tukamubeshya ngo tugiye mw'ishuli, ahubwo tukajya gukora urugoma, twabona abandi bana batashye natwe tukabunguruka. Se wa RWASA w'umunyamwete muke, na nyina wahoraga ahangayikiye urugo, mu minsi yose nali naramaze iwabo ntabwo bali bigeze bandora nabi, RWASA yali yarapfuye umutima kubera ko se atakoraga umulimo we wo kurera, nyina agahora amuhendahenda akamutetesha.

...//...

RWASA yali ikigomeke, nanjye nali naratoye imico ye. N'ubwo nali mpamerewe neza, umutima wanjye warontotezaga, numvaga mbaremereye, uwo munsi nali niyemeje kuhava, aho kujya iwacu,njya kwa masenge NKESHA. Nyamara ibyo byose we ntacyo yali abiziho, ntiyali aziko ahana uwahanutse, nkomeza kwiyemeza kutagira icyo mwerulira.

- Mubyeyi ndumva ibyo unsaba ntazabishobora, urabika ba ndacyali muto, nta mbaraga zihagije mfite ngo mfashe ababyeyi, siniyumvisha icyo nkwiye gukora kugira ngo ntunganire abandi, nzatura hehe umuzigo w'umugayo nikoreye ?

NKESHA abika uruhindu n'icyibo yali yakomeje kuboha kuva nkigera aho, yicara imbere y'iziko acana umuliro, ngitegereje igisubizo cye, MUKUNZI yinjira atitira kubera imvura yali yamunyagiye, mutura igicuba cy'urumanyu kandi cyadishye yavomeshaga, yiyambura agashati ke kali gatose, NKESHA atangira kumutonganya.

- Mwana wanjye ubu rwose ntiwabinkoze ? Aho nagutumiye amazi ukigendera ugahera wabonaga ko nkoresha iki ?

Isoni n'ubwoba MUKUNZI yali atewe n'icyaha yali yakoze, ntiyashoboraga kubyorosa ubwuzu yali afite bwo kundamutsa; anyitegereza umwanya muto atwengatwenga abonye ko NKESHA yakomeje kumuremerezaho igitsure, agerageza kwisobanura.

- Mawe rwose ngusabye imbabazi, ku mugezi hali abavomyi benshi, nabanje gutegereza ko buzuza ibivomesho byabo, kandi n'umureko wazanaga amazi make. Aho maliye kuvoma, imvura yahereye ko igwa, tujya kugama kwa NKAKA.

NKESHA yifata ku munwa, atangajwe n'uko MUKUNZI yali amaze kumwubikaho urusyo, akomeza yigisha mubyara wanjye kujya avugisha ukuli.

- Mwana wanjye ntukajye umbeshya gutyo, hali abandi bana bagiye ku mugezi nyuma yawe kandi bagutanze kugaruka, jya uvugisha ukuli, kuko naguhanira ikinyoma kurusha icyaha wakoze. Jyewe ubwanjye narakugenzuye, namenye ko usigaye wisangira abashumba mugakora urugomo, ibyo lero nkweruliye ko ntabishaka, kandi nubisubira nkabimenya, ube uzi ko nzaguhana bikomeye.

...//...

MUKUNZI asuhuza umutima amwaye, ibyo nyina yali amaze kumubwira byali bifite imvano, ndetse n'uko byabaye ibidashoboka, aho kubyumva MUKUNZI aba yarahisemo inkoni. NKESHA akomeza kumureba igitsure, icyaha ke yali yakemeye, yali yemeye kandi ko atazagisubira. Twese tumara umwanya muto tutavuga, jye na mubyara wanjye duhuza amaso, aramwenyura aranyegera, NKESHA ashira uburakali, akomeza yenyegeza umuliro, yongera amazi mu nkono yali itangiye gushamira, atega amatwi ikiganiro cyanjye na MUKUNZI twali tumaze gushirana urukumbuzi.

- Nanjye ndashaka kuzajya kwiga, nibafungura mu kwa cyenda tuzajyana.

MUKUNZI yambwiraga atyo, atazi ko nali nageze ku ndunduro y'amashuli yanjye, mubyara wanjye ntiyali azi ko muli uwo mwanya nali meze nk'agati kali mu ruzi, umuvumba wihutana wakarambirwa ukagasiga ku mugunguzi. Ibyanjye byali byahindutse ukundi,nali nabitekerereje NKESHA arabingayira. Duhuje amaso muli ako kanya, indoro ye ingaragaliza ko ababajwe n'uko ntacyo nzamalira uwo muvandimwe wanjye wali untegerejeho inkunga, ubwo numva isoni ali nyinshi, NKESHA aranteturura.

- MUKUNZI mwana wanjye, n'ubwo RWASA atazaba ahali, nanjye wasanze nabyiyemeje, nibafungura amashuli umwaka utaha umenye ko uzajya gutangira.

Mu by'ukuli, mubyara wanjye yumvaga akunze ishuli, kubera jyewe. Nali naramuteye amatsiko menshi, mubwira ko mw'ishuli ali heza, ko nahagera atazongera kuvumwa n'imilimo y'imuhira, nali naramusezeranyije ko tuzajyana nkamufasha kumenyera, kubera jye, yali aziko najya kwiga se azajya amugulira umwenda ashaka. MUKUNZI yali yaliyemeje kwiga kubera ko nali narabimuratiye, kujyayo tutajyanye kuli we byali nk'ingoyi, MUKUNZI yali umwana uvuga amagambo make, nta wundi yumvaga ko azamufasha kumenyera abandi banyeshuli utali jyewe. Amaze kumenya neza ko jyewe ntali nkili mw'ishuli, umutima uhagaze wo kuzajyayo wenyine ntiwamukundira kumbaza impamvu naretse kwiga, asubizanya NKESHA ubwoba bwinshi.

- Ntibishoboka sinzajya mw'ishuli ntajyanye na RWASA, abana baho bagira amahane, batazankubita adahali nkabura untabara.

Sinali kubona icyo nongeraho, niyo nkibona sinali gushobora kukivuga. Buhoro buhoro, nali natangiye kwiyumvisha ko ibyo nkora bitankwiye. Guhunga ababyiyi byali binteye intimba nini mu mutima, kuba nali ntanze urugero rubi ntibyahwema gutoneka uruguma rutaboneka rwali mu mutima wanjye.

...//...

Urwo ruguma rwanga gufuma, ntangira kwibuka imibereho yanjye myiza ncyumvira ababyeyi, ntangira gutekereza akaga nagize kuva niyemeje kubahunga, nkomeza gutonekara ndataka. Ngerageza kwihibhira, nyamara natagа igihe, nali mbizi, byali binteye ubwoba, ntacyo nashoboraga gukora kugira ngo ingaruka mbi z'imyifatire yanjye zireke kungaragaza, nali nkomerewe, nyamara nali ntarabona, inkwi n'amazi byali bikili inyuma; nababazwaga n'uko ntashoboraga kubona uko nemeza mubyara wanjye ko atagomba kunkulikiza : nali kumugira iyihe nama kandi umukiro w'amashuli nali naramuratiye nali nywubuze? NKESHA asuganya inkwi, amaze umwanya anyitegereza, yanga ko nkomeza kulindagira mw'ijuli ry'ibitekerez

- Nakubujije kwiheba mwana wanjye, inama nakugiliye uyizilikane, ababyeyi baragukunda bazakumalira byinshi, ababyeyi baguteze-ho byinshi. Ujye witonda kandi umenye ubwenge, ntuzabona ishimo uha uwakwibarutse, akaguheka akaguha ibere, akaguhoreza ntuzabona ishimwe uha uwakuruhiye ukili mutoya, akakulinda usekera umwanzi, akagusekera ushokoje igisage, akakwigisha gutera intambwe ya mbere, waba akana karera akandi, akaguha akenda ngo wifubike! Ntashimo likwiye uwakureze akagukuza, lirenze kumwumvira uko bikwiye, ukazamuha ikimufasha agiye gutera intambwe ye yanyuma. Unyuze mu nzira nziza, ukemera gukoresha amaboko yawe, waba ubaye ingirakamaro, washimwa n'umuryango, waba wubatse igihugu cyawe. Ababyeyi ntibakeneye umukiro urata, nubahunga ukawukulikira niho uzaba ubateye ubukene byinshi. Ababyeyi ntibifuza kugukandamiza, ugiye mubandi ukunguka inama n'ibitekerezo byabashimisha, niyo mpamvu bali bagutoje inzira y'ishuli. Ababyeyi ntibakeneye ayo mafaranga menshi ushaka, bafite bike byagukujije. Igishimisha umubyeyi, n'ukubyirura umuhungu akababera umumara-gishyika, babyirura umukobwa akaba Nyampinga na Nyampundu. Unyumvire mwana wanjye, ubu ndakubwiza ukuli kw'ababyeyi, sinshaka kuguteteshа, nabanguteye umuruho munini; reka kwangiza ubuto bwawe, reka gukorera ababyeyi umugayo; imvune wabateye bakurera sinkeya, kunda ukure ube umugabo, niwihe umugambi ababyeyi bashima, iyi minsi y'ubuto bwawe iragushuka, reka kuyishinga, Itange uko ushoboye, fatanya n'abandi muzamure igihugu.

Maze kumva ayo magambo, imigambi yanjye mibi itangira kurabirana. MUKUNZI yakomezaga kunyitegerezanya agahinda, ategereje icyo nsubiza. Nkomeza kugishaka ndakibura,mbura uko nemeza NKESHA ko ndahunga ababyeyi kandi yali yarangije kuntahura. Ntagiye kulimanganya anca mw'ijambo ntiyali agikeneye kumva amafuti yanjye.

...//...

- Mwana wanjye ntugerageze kumbeshya, urahunga ababyeyi kubera amakosa yawe. Sanga so na nyoko, ntibazakubera ababyeyi gito, wibakoza isoni. Sanga ababyeyi, nubabera umwana mwiza ntuzigera urambirwa kubana nabo.

NKESHA yongera gusuganya umuliro, inkono yali imaze gushyuha itangiye gutogota. Nkomeza kubura ijambo, MUKUNZI nawe akabura icyo ambwira. Amagambo ya NKESHA yali yanshegeshe ku buryo ntali gushobora kumuvuguruza. Aho byali bigereye, nali nshigaje guhita mu bintu bibili: kumvira NKESHA cyangwa kumuhunga. NKESHA yali umubyeyi nagombaga guha icyubahiro inama ze zose zali nziza, nagombaga kuzikulikiza, zikangilira akamaro. Nkomeza kwiburanya ntavuze, nagerageza kubeshya bikananira. Mu mutima wanjye, urubanza rurakomeza, ndirega ndishinja, ndiregura, urubanza rurantsinda, niyemeza icyaha, nicuza ntawe mbwiye, niyemeza kuzasanga ababyeyi ngatinyuka ibihano byabo. Nica icyiru cyo gukora uko nshoboye nkareka imigambi mibi nali niyemeje kuva nareka ishuli.

Bwali bumaze kwira, umuyaga w'ijoro uhinduye, masenge arakinga, injeli zikomeza kurilimbira mu bigunda.
Mu rusaku rudasobanuye rw'iryo joro, numvaga igisa n'ijwi ry'umuntu ntazi likomeza kumbwira amagambo y'uruvange. Uwo muntu wampamagaraga yali muli jye, yali jyewe ubwanjye umutima muhanano wali umaze kugeramo. Jyewe wali naliyemeje kumvira umutima +, nalingiye kunama imbere y'inama z'umutima mu_hanano. Nageragezaga uko nshoboye ngo ijwi ryawo ntaryumva, ngakora uko nshoboye ngo ndyirukane, likarenga likampamagara. Injeli zarilimbirimbiraga mu bigunda, iryo jwi limbwira ko ali zo nkumvira ninanga kumvira data na mama. Umukiro nirukaga inyuma wali kuzantera umugeli, amafaranga nashakaga yashoboraga kuzangeza kure.
Mu gicuku cy'ijoro ry'urudaca, nicaye kwa masenge NKESHA, ijwi ryavugiraga muli jye ryakomezaga kuntoteza, ntibyatinze ndambirwa kuryumva maze nivumbura ntavuga, ndavunda, ndavunika mbura uwo ntakira.
Inzu yali isusurutse, masenge yali yashyiditse ibishyitsi by'imiko byakaga neza cyane. Imbeba zikubiswe n'umwuka w'inkoli zali zitangiye kuvuza umutego, iz'imbaraga zali zasosorotse mu nyatsi zitangiye kunkabakaba, umujinya wanjye urushaho kwiyongera, nkibwira ko zili kumpema, kuko zanyuranagamo zimeze nk'izishimye, jyewe nifitiye agahinda. Mu by'ukuli koko, nali mfite ingorane zikomeye, mu bwenge bwanjye, hali umwijima uruta uw'iryo joro; nali mfite akaga karekare, umutima ukomeretse waravilíranaga, umuzigo uremereye waranshenguraga, NKESHA yarangayaga, ababyeyi bali barampebye, rubanda baramvumaga.

+ umyoshya.

...//...

Muli iryo joro ry'akaga, umuzimu w'ubunebwe wali waranyanganiye[20] ku ntebe y'ishuli yali yanze kundekura, sinashoboraga kwiyumvisha ko guhunga ababyeyi nkirukira gukira ntavunitse byali ukwigirira nabi. Kubera kwiyumvira cyane ntagira n'icyo niyumvisha, ntangira guhunikira, masenge arankangura.

- Ese ku Mayaga iki gihe muba mwaryamye ko ndora utangiye gutura ibishyito[21] ?

Nkanguka nikanda amaso, sinagira icyo musubiza kubera isoni; NKESHA agabura inkoli ku nkoko y'insuli, ndyana iroro, si jye wabonye turangiza gufungura ngahita nirambika mu kirambi.
Iryo joro nasinziliye ibitotsi byiza, ndota ibyiza byinshi mu nzozi z'uruvange, ndota niyemeje gutaha ngakulikiza inama nziza za masenge NKESHA, ndota niyemeje gusanga ababyeyi, ndota data ankubita ivuna ingeso ntivune igufka, ndota data angirira imbabazi, ndota niyemeje kumvira umutima ukunda gukora masenge NKESHA yali yagerageje kunteramo. Mu minsi ibili ikulikira namaze kwa masenge NKESHA, nakomezaga kwisubiraho buhoro buhoro, imilimo yose uwo mubyeyi yadutumaga nayikoranaga ubwitonzi, iyo umugoroba wageraga, jye na mubyara wanjye ntitwaburaga umwanya wo kubwirana udukuru twinshi, cyangwa wo gutega NKESHA amatwi ngo aducire utugani twiza, utwinshi muli two akadusoza agira ati :

- Si jye wahera, hahera umwana utumviraga ababyeyi !

Kenshi iyo yagera aho, namubazaga mfite agahinda, nti ese aho uwo mwana bavuze mu mugani ntiyali yaligize nkanjye ?

Masenge akanseka, aliko akansubiza, ati : Mujye mukura inyigisho mu migani yose mbacira, burya umugani ugana akaliho.
Hali n'ubwo masenge yashoje umugani muremure yali yaduciliye agira ati : Si jye wahera, hahera inyamaswa zali zizi kuvuga nk'abantu.
Mukunzi yali umwana udakunda kubura ijambo, avugana ibitwenge kubera uwo mugani twali tumaze kumva, abaza masenge NKESHA ati :
" Ese koko mubyeyi, kera inyamaswa zaravugaga nk'abantu ? "
Masenge amusubiza aseka ati :

" Ntibigutangaze mwana wanjye, Gacamigani akiliho yali umuhanga cyane, yavugishaga inyamaswa ashaka kwigisha abantu !"

MUKUNZI ntiyashirwa, yongera kubaza ati :

" Ubwo se yazivugishaga ate, ntizamuryaga ?"
Masenge NKESHA akomeza kumusubizanya umunezero :

20. kwagana : gukanga, bavuga abazimu. Kwaganwa : gukangwa n'umuzimu.
21. gutura ibishyito : guhunikira.

...///...

- Buli muntu agira **ubugenge mwana wanjye**, na Gacamigani yali afite ubwo kuvugisha inyamaswa agira ngo yisekereze abantu !

Mu mibereho yanjye, ntacyali kigeze kindutira kuba iruhande rwa masenge NKESHA. Mu gitondo cy'umunsi wa gatatu, umwanya wo gutandukana nawe ugeze, sinabuze kubimugaragaliza.

- Ndagiye aliko sinzatinda kugaruka, nkunda ibiganiro byawe, nkunda inama zawe nziza.

Muli icyo gitondo cy'amatage, masenge NKESHA yansezeho ansaba kumwumvira.

- Genda amahoro mwana wanjye, nzishima cyane nukulikiza inama naguhaye, kandi ntuzatinye kunsanga nunkeneraho inama.

NKESHA asubiye imuhira, narahagaze ndamwitegereza, arembera nkimureba, akayaga keza kaza kumpanaguraho imigambi mibi yo kuzerera mpunga imilimo y'amaboko nali nalihaye ntarajya kumusura.

## III - Imbabazi z'umubyeyi

Hejuru y'inzu y'umusongi ishakaje umukenke wali waramezeho uruteja n'urubebya;[22] akotsi kahembaga kanuka ibivumbikisho; akotsi kacumbekaga kanuka imvumba n'igikatsi !

Nasanze MUKAKA yicaye arambije ku musambi w'urukangaga ushaje, ankubise amaso ansanganiza amagambo menshi kandi yuzuye ibyishimo.

- Mbese uraho urakoma ! Imana ishimwe, tumaze iminsi dufite impungenge, ntitwali tuzi aho uba !

Nsanga nyogokuru turahoberana cyane, sinatinda kumutekerereza ibyanjye.

- Nta handi nali naragiye, nabaga kwa masenge NKESHA.
- Nyogosenge se araho, mbese ko ataje kudusura byamugendekeye bite ?
- Ntiyashoboye kwizahura,[23] yagize imilimo myinshi.

Hashize umwanya ulinganiye tuganira, maze kumubwira amakuru yose, Nyogokuru arahaguruka, yinjira mu nzu ndamukulikira, afata agacuma kalimo inzoga, akomeza gusomaho avuga aya magambo;

- Dore rero NZARUBARA mu gicumbi, mu minsi ishize nagutakambiye ngusaba ko wazatsindira BIGIRABANTU umuzimu wamutererdje guhunga ababyeyi, ngusezeranya ko umunsi yagarutse nzaguha inzoga ukanywa ukishima, none nguyu araje, ngiyi inzoga nakubwiye, yishimishe abakurambere bose, tsinda abanzi, tsinda abarozi, tsinda umuzimu KABUNGERA wapfuye azerera, niba ali we wanyaganiye umwuzukuru, mu mwamurureho !

22 - urubebya : ubwoko bw'ibyatsi bigunduka, bimera mu mutoki no hejuru y'inzu z'ibyatsi zishaje.
23 - kwizahura : kubona akanya

...//...

- Tsindira BIGIRABANTU, mulinde ubusame[23], mulinde ubusembwa, muhe amahoro, muhe gushishikarira gukora, muhe amaronko akomoka ku mulimo we, mutsindire umuzimu w'ubunebwe wamwaganiye mw'ishuli, muhe gukunda umulimo w'amaboko!

Uko mukaka yavugaga ayo magambo, nali muteze amatwi ntangaye, nibazaga ibyo akora bikanyobera, arangije ndamusobanuza.

- Bite nyogokuru, ibyo wavugaga ni ibiki ?

Mukaka araseka, ashaka kubanza kunsomya ku nzoga, mpakanisha umutwe, akomeza kumpata.

- Somaho mwana wanjye, dore waje ku zuba, ugomba kuba ufite inyota.
- Sinywa inzoga y'abandi !

MUkaka agira akantu.

- Bande se mwana wanjye ?
- Bamwe mwavuganaga mu kanya !

Mukaka agerageza kumara ubwoba.

- Humura mwana wanjye, ni abakurambere nabwiraga, nabasabaga kuguha amahoro, ngo ujye uhaha uronke !
- Aliko se ubwo bakumvise ?
- Bumvise mwana wanjye, bumvise !

Nyogokuru antunga umuheha, noneho ndemera ndasoma, ndangije mubaza iki kibazo cyamugaragalije ko nali mfite ubwoba bwo gusanga data.

- Niba abakurambere bumva, ntiwabambwirira ngo bantsindire inkoni za data ?

Nyogokuru amara umwanya acecetse, avuga amaze kwibaza byinshi.

- Sanga so mwana wanjye, ndinginga abakurambere bagutsindire inkoni ivuna igufa, aliko bakugoborere inkoni ivuna ingeso.

Nsezera kuli nyogokuru, manuka ruto ruto ngana iwacu, ngenda nitega, ngenda nikandagira, ngenda mvumvunya kandi ntatokowe, ngenda nikanda intoki, ngenda nikurugutura ubusa, ngenda ncumbagira ubwoba, izo ntambwe nateraga mva kwa nyogokuru jya kwa data, nizo za nyuma nateye kuva mu bwana bikantonda.

Umusaza nali nasanze mu rugo rw'imivumu ivanze n'imitagara yali yicaye mu nkike yo haruguru aboha umuzinga wali hafi kuzura. Kuva nkihagera twahuje amaso kenshi ntawe utinyuka kuvugisha undi. Yali afite imvi z'uruyenzi ku mutwe wibumbye, aho iminsi ihereye ku misoso, yali itangiye isiza uruhara. Imirongo y'ubukuru imyaka myinshi yali itangiye gushushanya mu ruhanga yongeragа igitinyiro indoro ityaye y'uwo musaza yamugaragazagaho.

23. ubusame : ubuswayi butuma ku kwaganwa.

...//...

Twamaze umwanya munini tutavuga, nanze gutinyuka data kubera amakosa yanjye, nawe yanze kumvugisha kubera umugayo yangayaga. Niyemeza kubanza, kuko ali jye wali ubabaye, ngaragaza igitekerezo uwo mutuzo wali wamfashije gutegura.

- Dawe, naje gusaba imbabazi, sinzongera !

Data azunguza umutwe by'uwumiwe anyitegereza, igisubizo cye cyuje imbabazi gisanga ngiye kwitura hasi.

- Namenye uko byagenze mw'ishuli, aliko ntiwabura kuba umugabo, amashuli menshi siyo nzira y'umukiro yonyine.

Maze kumva ayo magambo, nali mfite ibyishimo byinshi kuko data atali ankubise, niyemeza kumushimira izo mbabazi.

- Naje nzi ko munyica, mbashimiye imbabazi mumpaye.

Data aseka buhoro, atunganya urubaliro yali amaze gukungika atangira kurukomeza, amvugisha aboha vuba vuba.

- Humura uzaba umugabo mwana wanjye, nzakwigisha umwuga nasigiwe na data uzagukiza. Ubwo ngize amahirwe ukaba ugarutse, nyegera nkwigishe ubwenge buzakubeshaho.

Data yali angiliye ubuntu bwinshi, sinali gukomeza kumuhisha ibitekerezo ibibyali bigiye kunjyana kure, atali yatangira inyigisho yali agiye kumpa mutunguza ili jambo.

- Iyo NKESHA atangarura, nali ngiye kujya i Kigali gukorera yo amafaranga.

Data afata ku munwa atangaye.

- Wagize Imana ubona nyogosenge araguhana, iyo ujya i Kigali byali kukuyobera, i Kigali ntihaba nyogosenge, i Kigali ntihaba nyokorome, Kigali ni amahanga, Kigali yaciye isano mu bantu.

Humura mwana wanjye, ntuzabura kuba umugabo ngo ni uko utagiye mu mugi. Dore naremye uruvumbu, maze kugiramo imizinga icumi, ngwino umfashe, dufatanye, ntuzabura icyo urya, ntuzabura icyo wambara, ntuzabura inka yo gukwa umukobwa ushaka nugera igihe cyo gushinga urwawe, tinyuka ukore mwana wanjye, utinya umulimo w'amaboko, aba akunze inzara n'ubukene.

Amagambo ya data yali anteye inkunga ndende, aliko numvaga umwuga yali agiye kunyigisha uzandushya.

.../...

- Mubyeyi, kuba umuvumvu[24] mbona bikomeye, sinzi ko nzabishobora !

Data aranyitegereza, akomeza kuntera inkunga no kunyigisha.

- Nta mwuga utavuna mwana wanjye, umuhinzi aravunika, aralima, agatabira, akabiba, agasarura, iyo milimo yose kandi iiko iza ikulikiranye, cyangwa se imwe ikazira limwe n'indi. Umuhinzi ahora yitwaralitse gutunganya umulima we. Gutunganya umulima, ni ukuwulinda isuli, kuwufumbira, kuwuhingamo imbuto ikwiranye nawo, kuwuha igihe cyo kuruhuka. Akazi k'umuhinzi gasaba imbaraga, gasaba kwitanga buli munsi. Guhinga neza, ni ukumenya kubyaza ubutaka buke ibishobora kugutunga, ni ugufatanya ubuhinzi n'ubworozi !
  No kuba umuvumvu ni uko, bisaba gushira ubute, ugatutira ibyangombwa byo kubohesha, ukaboha, ukagika, ugasura imizinga yawe ukayilinda imvura, ukayilinda ubushishi, ukayilinda abangizi, ukamenya kubika ibanga ry'abavumvu So ni umuvumvu wo ku buryo bwa kera, wowe uracyali muto, uzahere ku ntambwe ngezeho, wige no kuba umuvumvu wa kijyambere. Kurema uruvumbu[25] birakomeye, uzifatanye n'abandi, mushore umulimo wanyu, niyo mafaranga mufite, muzajye inama, ngiyo inguzanyo mbahaye, nta n'umwe uzayibishyuza, umulimo wanyu ni imali nyinshi mutagomba gupfusha ubusa.
  Mushobora gukora n'ibindi byinshi, icya ngombwa ni ukwiha umugambi nyaweo. Dore igishanga cya Nyakahembe, mugitunganyije mukagihingamo imboga byabagirira akamaro. Mushobora kurema ibyuzi by'amafi, mushobora kubumba amatafali, icyo mwakora cyose mubishyizeho umwete cyabagirira akamaro, uciye inzira yo gukora aba ahisemo inzira y'umukiro.

Data amaze kumbwira gutyo, umugoroba wageze nujuje imizinga ibili, ukwezi gushira maze kubona urwanjye ruvumbu, bagenzi banjye twali mu kigero kimwe batangira ku nyegera, mbigisha kuboha no kwagika, ndetse twigira inama yo gushinga koperative tukayita "ABAKUNDA URWEGA" Kubera ko nta mafaranga twali dufite, twabanje gukoresha imizinga ya kinyarwanda twiboheye, tumaze kuyabona, tugurira abali bazi kubaza muli twe ibikoresho, tubaza ibikoresho by'amako yose, twibaliza n'imizinga ya kijyambere.

24 - Umuvumvu (cyangwa umuvumbu) : umworozi w'inzuki
25 - uruvumbu : urwega : ikeraniro ry'imizinga, aho bagika.

Tugenda twunguka buli munsi, tugera kuli byinshi, buli wese abona icyo yambara n'ibimutunga, buli wese yiyubakira inzu nziza.
Hashize iminsi mike, ntekereza ibyo gushaka, data ansabira umukobwa mwiza twali twaramenyanye nkili muto.

• • •

Abo nabwiraga iyi nkuru bose bali banteze amatwi batararambirwa na gato.
Ngeze ahangaha, masenge, NKESHA wali waje kuntahira ubukwe asaba ijambo ~~ali~~ alibwira abali aho, arangiza agira ati :

- Ndagushimiye mwana wanjye, kuko wumviye inama naguhaye none ukaba ubaye umugabo, iyo utaza kunyumvira sinali gukira imvune y'umugayo !

Ubwo nicisha bugufi, mvugana ikinyabupfura ndeba masenge NKESHA.

- Winshimagiza cyane ntabikwiye, ijambo ryawe NKESHA, niryo nkesha byose, wowe wanyumvishije mu byo wanambwiye ko utazi umukino wo gukora atamenya inzira y'umukiro.

Data umbyara nawe yali muli icyo gitaramo, ijambo yambwiye sinzaryibagirwa.

- Ni uko mwana wanjye, ubwo nsize umugabo, sinzapfana umugayo.

Nyogokuru we yandebanaga ibineza neza, yicaye iruhande rwa mama umbyara, wamuciraga amarenga ngo bajye mu gicumbi gushimira abakurambere.

BIRARANGIYE.